KINYARWANDA/ KIRUNDi

Muraho miryango ya SPS,

Guhera uyu munsi, Amashuli ya Leta hano Spokane arafunzwe ku banyeshuli kugeza byibuze tariki 24 Mata (Ndamukiza).

Niba ejo hashize umwana wawe atarafashe ibikoresho by'ishuli n'imiti, amashuli yose yashyizeho amasaha yo gukora muli ofisi iki cyumweru kugirango bafashe imiryango gufata ibyo bifuza. Ushobora kubona ayo masaha y'ishule runaka ku rubuga nkoranyambaga rw'ishuli cyangwa ugahamagara kuli iryo shule.

Naho guhera Kuwakane, taliki 19 Werurwe (Ntaranhe), SPS izatangira gutanga ibiryo byo kujyana mu rugo iwanyu – ibya mugitondo n'ibyo ku mugoroba- ku mwana wese ufite imyaka hagati ya 0-18, ndetse nuwaba yiga mu mashuli yisumbuye akaba atarengeje imyaka 21 - guhera saa tanu 11 a.m. kugeza saa saba -1 p.m. ahantu 16 muli iyi distikti, ariho: Arlington, Balboa, Finch, Garfield, Hutton, Lidgerwood, Lincoln Heights, Longfellow, Moran Prairie, Mullan Road, Ridgeview, Roosevelt, Shaw MS, Rogers HS, Shadle Park HS and Ferris HS.

Ushobora kujya ahakunogeye neza. Ibiryo bizatangwa kuva Kuwambere kugeza Kuwagatanu. Icyo tugamije nukongera ahantu bitangirwa mu cyumweru gitaha.

Kugirango dufashe abanyeshuli bava mu miryango itagira kompiyuta (orudinateri) iwabo mu rugo, SPS irimo gushakira abanyeshuli orudinateri zigendanwa ihereye ku bazikeneye cyane n'uko ziboneka. Kuri ubu, dushobora gutanga imwe ariko ntarugo twarengereza ebyili. Shaka formileri yo kuzuza usaba kuli spokaneschools.org/LaptopCheckout.

Izo orudinateri ngendanwa zikoresha Wi-Fi y’iwanyu murugo. Niba nta internet mufite murugo, hari uburyo bwinshi butangwa kubuntu twashyize ku rubuga rwacu rwa Laptop Distribution webpage cyangwa ugahamagara telefoni 354.7636

Niba muli ibyo byose ntacyagufasha kirimo, SPS irimo gusha ahantu hamera nka za hotspots hakurikijwe uko abantu babikeneye nuko byaboneka binyuze ku murongo wo gusaba ushobora kubona ku rubuga rwacu rwa laptop distribution webpage.

Turakomeza kubagezaho amakuru uko abonetse; jya ku rubuga rwacu rwa spokaneschools.org. urayahasanga.

Tuzabakumbura kubwo kutababona ku ishuli.